<u>Ingingo ya 48: Urwandiko ruzana uregwa ku gahato</u>	<u>Article 48: Warrant to bring by force</u>	<u>Article 48: Mandat d'amener</u>
Urwandiko ruzana uregwa ku gahato ni urwandiko rw'umushinjacyaha, ruhabwa ingufu za Leta ngo ruzane umuntu ku gahato kubera ko akekwa icyaha, cyangwa se akaba yaranze kwitaba kandi yarahamagawe n'umugenzacyaha cyangwa n'umushinjacyaha mu buryo bwemewe n'amategeko.	A warrant to bring by force is a written order issued by a Prosecutor to law enforcement officers to bring by force a person who is suspected of having committed an offence or a person who refuses to appear after being duly summoned by a Police Judicial Officer or a Prosecutor.	Le mandat d'amener est un ordre écrit d'un Officier de Poursuite Judiciaire, exécuté par la force publique, de conduire devant lui le suspect ou la personne qui a refusé de comparaître après avoir été régulièrement convoquée par un Officier de Police Judiciaire ou de Poursuite Judiciaire.
Urwandiko ruzana uregwa ku gahato ruramufatisha ariko ntirumufungisha.	A warrant to bring by force is not an order of detention but rather an order to apprehend the suspect.	Le mandat d'amener est un titre d'arrestation et non de détention.
Rumara amezi atatu (3) uhereye ku muni rwashyirweho umukono.	A warrant to bring by force shall be valid for three (3) months from the date of its signature.	La validité du mandat d'amener est de trois (3) mois comptés du jour de sa signature.
Iyo icyo gihe gishize, ntiruba rucyubahirijwe keretse iyo rwavuguruwe n'ugarutanzwe.	A warrant to bring by force shall cease to be enforceable upon its expiry unless it is renewed by the issuing authority.	Après son expiration, il ne peut être mis à exécution sauf s'il est renouvelé par l'autorité dont il émane.
Iyo uwatanzwe urwandiko ruzana uregwa ku gahato atabonetse kubera impamvu iyo ari yo yose, ruvugururwa n'umushinjacyaha uyobora Ubushinjacyaha ugarutanzwe yakoreragamo.	If, for any reason whatsoever, the issuing authority is absent, the warrant to bring by force shall be renewed by the Chief Prosecutor of the operating area of the issuing authority.	En cas d'absence pour une raison quelconque de l'autorité d'émission, le mandat d'amener est renouvelé par le Procureur en chef qui assure la direction de l'Organe National de Poursuite au sein duquel est affecté l'autorité qui l'a décerné.
Urwandiko ruzana uregwa ku gahato rushobora kandi koherezwa, kugira ngo hashakishwe umuntu watorotse yari afunze.	The warrant to bring by force may be issued against any escaped detainee.	Le mandat d'amener peut également être lancé contre un détenu évadé.
Iyo umuntu washakishwaga amaze gufatwa ahita	If the wanted person is arrested, he/she shall be	Lorsque la personne recherchée est arrêtée, elle

ashyikirizwa uwasabye ko afatwa. Iyo bidashobotse ko ashyikirizwa ako kanya uwasabye ko afatwa, aba afunguwe by'agateganyo mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) mu nzu yabigenewe iri aho umugenzacyaha uri hafi ye akorera.

Ingingo ya 49: Urwandiko rw'Umushinjacyaha rufunga by'agateganyo

Urwandiko rw'Umushinjacyaha rufunga by'agateganyo ni icyemezo cyo gufunga gishyirwaho umukono n'Umushinjacyaha mu gihe cy'itegurarubanza, ariko byanze bikunze ukurikiranyweho icyaha amaze kumenyeshwa icyaha ashinjwa, mu gihe icyo cyaha gihanishwa igifungo cy'imyaka ibiri (2) nibura.

Urwandiko rw'Umushinjacyaha rufunga by'agateganyo rugira agaciro k'iminsi itanu (5) idashobora kongerwa kandi ufashwe afungirwa mu nzu yabigenewe mu gihe kingana n'iyi iminsi itanu (5) y'agaciro k'urwo rwandiko.

Ingingo ya 50: Urwandiko mpuzamahanga rwo gufata

Urwandiko mpuzamahanga rwo gufata ni icyemezo gishyirwaho umukono n'Umushinjacyaha Mukuru cyangwa Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare kugira ngo hafatwe umuntu uri mu mahanga ukurikiranyweho icyaha cy'ubugome cyangwa icyaha gikomeye.

immediately brought before the Officer who requested the warrant. If he/she cannot be immediately brought before that Officer he/she shall be provisionally detained for five (5) days in a custody facility located within the jurisdiction of the nearest Judicial Police Officer.

Article 49: Arrest warrant issued by a Prosecutor

An arrest warrant is an order of detention signed by a Prosecutor in the course of case file preparation after the suspect is informed of the charges against him/her provided that the alleged offence is punishable with imprisonment of at least two (2) years.

An arrest warrant shall be valid for five (5) days non-renewable and the arrested person shall be detained in a relevant custody facility within a period of five (5) days corresponding to the validity of the arrest warrant.

Article 50: International arrest warrant

An international arrest warrant is an order signed by the Prosecutor General or Military Prosecutor General issued against a person in a foreign country suspected of having committed a felony or a misdemeanour.

est immédiatement présentée devant l'Officier qui a requis son arrestation. En cas d'impossibilité de la présenter immédiatement devant cet Officier, elle est provisoirement détenue dans une maison d'arrêt située dans le ressort de l'Officier de Police Judiciaire le plus proche pendant une période n'excédant pas cinq (5) jours.

Article 49: Mandat d'arrêt délivré par un Officier de Poursuite Judiciaire

Le mandat d'arrêt est un titre de détention signé par un Officier de Poursuite Judiciaire au cours de l'instruction après l'inculpation du suspect lorsque l'infraction commise est punissable d'une peine d'emprisonnement d'au moins deux (2) ans.

Le mandat d'arrêt est valable pour cinq (5) jours non renouvelables et la personne arrêtée est placée en détention dans une maison d'arrêt dans les cinq (5) jours correspondant à la validité du mandat.

Article 50: Mandat d'arrêt international

Le mandat d'arrêt international est un titre signé par le Procureur Général ou l'Auditeur Général Militaire pour arrêter une personne se trouvant à l'étranger, poursuivie pour crime ou délit.

Ingingo ya 51: Ishyirwa mu bikorwa ry'urwandiko ruzana ku gahato n'urwandiko rwo gufata

Urwandiko ruzana ku gahato n'urwandiko rwo gufata zubahirizwa n'ushinzwe umutekano wese kandi zikagomba kubanza kwerekwa abo zigenewe bakanazihirwa kopi.

Iyo byihutirwa zishobora koherezwa hakoreshejwe uburyo ubwo ari bwo bwose. Inyandiko yo kuzana ku gahato cyangwa gufata y'umwimerere cyangwa kopi yayo yohererezwa bidatinze ushinzwe kuyubahiriza.

Akiciro ka 2: Ibazwa ry'abatangabuhamya n'iry'uwakorewe icyaha

Ingingo ya 52: Ihamagarwa ry'umutangabuhamya

Umushinjacyaha ahamagaza, akoresheje inyandiko ihamagaza, itumira cyangwa izana ku gahato umuntu uwo ari we wese abona ko ashobora gutanga ibisobanuro bikenewe. Uwahamagajwe agenerwa kopi y'iyonyandiko.

Abatangabuhamya bahamagazwa binyujijwe mu nzego z'ubuyobozi, hifashishijwe abahesha b'inkiko cyangwa se inzego z'umutekano. Bashobora ariko no kuza babyibwirije.

Uwahamagawe mu buryo bwemewe n'amategeko

Article 51: Enforcement of a warrant to bring by force and arrest warrant

A warrant to bring by force and arrest warrant shall be enforced by any law enforcement officer and must be shown to the persons against whom they are issued and such persons shall be given a copy of the warrant.

In case of emergency, such warrants may be sent by any means available. The original or copy of a warrant to bring by force or an arrest warrant shall be immediately sent to the person responsible for its enforcement.

Sub-section 2: Interrogation of witnesses and the victim

Article 52: Summoning a witness

A Prosecutor shall compel any person whose evidence he/she considers relevant to appear by issuing a summons, a warrant to appear or a warrant to bring by force. Any person so summoned shall be given a copy of such a document.

The witnesses shall be summoned through administrative entities authorities by court bailiffs or security organs. However, they may appear on their own initiative.

Any person duly summoned must appear.

Article 51: Exécution du mandat d'amener et du mandat d'arrêt

Le mandat d'amener et le mandat d'arrêt sont exécutés par tout agent de la force publique. Ils doivent être exhibés aux concernés et une copie leur est remise.

En cas d'urgence ils peuvent être expédiés par tout moyen. L'original ou la copie du mandat d'amener ou du mandat d'arrêt est transmis sans délai à l'agent chargé de son exécution.

Sous-section 2: Audition des témoins et de la victime

Article 52: Convocation d'un témoin

L'Officier de Poursuite Judiciaire fait citer toute personne dont la déposition lui paraît utile, soit par convocation, soit par mandat de comparution, soit par mandat d'amener. Une copie de cette citation est délivrée à la personne citée.

Les témoins sont convoqués par le biais des autorités des entités administratives, à l'aide d'un huissier ou d'un agent de la force publique. Toutefois, ils peuvent comparaître de leur propre initiative.

La personne régulièrement citée doit comparaître.

ategetswe kwitaba.

Ingingo ya 53: Uburenganzira bw'uwakorewe icyaha mu ibazwa

Mu rwego rwo kwirinda ibyahungabanya imibereho ye bwite, mu gihe cy'ibazwa ry'uwakorewe icyaha, hagomba kwitabwa cyane cyane kuri ibi bikurikira :

- 1° kubazwa ari kumwe n'umuntu yizeye kandi yihitiyemo;
- 2° kumenyeshwa uburenganzira bwo kutagira icyo atangaza;
- 3° uburenganzira bwo kumenyeshwa ibyo amategeko amuteganyiriza;
- 4° uburenganzira bwo kutanyomozanya n'uwamukoreye icyaha igihe uwagikorewe ari umwana utarageza ku myaka cumi n'umunani (18);
- 5° uburenganzira bwo kurindirwa ubuzima mu gihe yagaragaje impungenge cyangwa inzego zibishinzwe ubwazo zabonye ko ashobora kugira umutekano muke.

Ingingo ya 54: Urupapuro ruzana ku gahato umutangabuhamya wanze kwitaba

Umushinjacyaha ashobora gutanga urupapuro ruzana ku gahato umutangabuhamya wanze kwitaba abyibwirije cyangwa abisabwe

Article 53: Rights of the victim during interrogation

To protect the victim's privacy during interrogation, special attention must be paid to the following with respect to the victim:

- 1° to be interrogated in the presence of a trusted person of her/his choice;
- 2° to be informed of his/her right to remain silent ;
- 3° to be informed of his/her rights provided for by law;
- 4° to be granted the right not to be cross-examined by the offender if he/she is a minor aged under eighteen(18) years;
- 5° to be protected if he/she expresses concern for his/her safety or if relevant organs consider that his/her safety may be compromised.

Article 54: Warrant to bring by force issued against a witness who refuses to appear

A Prosecutor may issue a warrant to bring by force against any witness who refuses to appear on his/her own initiative or on the request of a

Article 53: Droits de la victime lors de l'interrogatoire

Pour sauvegarder la vie privée de la victime, il faut nécessairement tenir en considération ce qui suit pendant l'interrogatoire:

- 1° être interrogée en présence d'une personne de confiance de son choix;
- 2° être informée du droit au silence;
- 3° être informée de ses droits reconnus par la loi;
- 4° ne pas être confrontée avec l'auteur de l'infraction lorsqu'elle est âgée de moins de dix-huit (18) ans;
- 5° être protégée en cas d'inquiétude d'insécurité pour sa vie constatée par elle-même ou par les instances habilitées.

Article 54: Mandat d'amener contre le témoin défaillant

Un Officier de Poursuite Judiciaire peut décerner un mandat d'amener contre tout témoin défaillant soit d'office ou à la demande d'un Officier de

n'Umugenzacyaha.

Umutangabuhamya wahamagawe mu buryo bwemewe n'amategeko ntiyitabe nta mpamvu yemewe cyangwa wanga gutanga ubuhamya kandi ari inshingano, ashobora gushyikirizwa urukiko agahanishwa ibihano biteganyijwe mu Gitabo cy'Amategeko Ahana.

Umutangabuhamya utitabye yarahamagawe bwa kabiri cyangwa yaroherejwe urupapuro rumuzana ku gahato ariko agatanga impamvu zemewe, ntahanwa.

Iyo umutangabuhamya adashobora kwitaba umushinjacyaha kubera impamvu izwi, uyu ajya kumubariza aho ari cyangwa agatuma ujya kubimukorera.

Ingingo ya 55: Gukurirwaho igihano ku mutangabuhamya wahaniwe ko yanze kwitaba

Umutangabuhamya wahaniwe ko yanze kwitaba, akongera guhamagarwa cyangwa yohererejwe urwandiko rumuzana ku gahato, akagaragaza impamvu nyakuri zamubujije kwitaba, ashobora gukurirwaho igihano yari yahanishijwe n'urukiko mbere.

Ingingo ya 56: Indahiro y'abatangabuhamya

Nyuma yo gutanga umwirondoro abatangabuhamya bumvwa umwe umwe kandi ukurikiranyweho icyaha adahari, nyuma yo kurahira indahiro

Police Judicial Officer.

Any witness who is duly summoned and does not appear with no justifiable reason or refuses to testify when required to do so, may be brought before the court and face the penalties provided for by the Penal Code.

A witness who fails to appear after a second summons or a warrant to bring by force is issued shall not face penalties if he/she has justifiable grounds.

If the summoned witness cannot appear for legitimate reasons, the Prosecutor shall travel or have another person travel to his/her place for interrogation.

Article 55: Remission of penalty for a witness facing penalties for refusal to appear

A witness sentenced for refusal to appear who is summoned once again or is subject to a warrant to bring by force and gives legitimate reasons for failure to appear, he/she may benefit from remission of the penalty previously imposed by the court.

Article 56: Witness oath

After giving their personal particulars, witnesses shall be interrogated one by one without the presence of the suspect. With his/her right hand

Police Judiciaire.

Tout témoin régulièrement cité qui, sans motif, ne comparaît pas ou refuse de témoigner, peut être déféré devant le juge et être puni des peines prévues par le Code Pénal.

Un témoin qui ne comparaît pas sur une deuxième convocation ou sur mandat d'amener et donne des raisons fondées n'est pas punissable.

Si le témoin cité est dans l'impossibilité de comparaître pour des raisons légitimes, l'Officier de Poursuite Judiciaire se déplace pour l'entendre ou dépêche une autre personne pour procéder à l'audition.

Article 55: Remise de peine pour un témoin condamné pour défaut de comparution

Le témoin condamné pour défaut de comparution qui, sur une nouvelle convocation ou sur un mandat d'amener, donne un motif légitime de son défaut, peut bénéficier d'une remise de la peine précédemment lui infligée par la juridiction.

Article 56: Serment des témoins

Après avoir décliné leur identité, les témoins sont entendus séparément un à un sans la présence de la personne poursuivie. Avec sa main droite en

Official Gazette n° 27 of 08/07/2013

ikurikira ashyaize ukuboko kw'iburyo hejuru: "Jyewe ndahiriye kuvugisha ukuri. Nindamuka mbeshye nzabihanirwe n'amategeko".	raised, the witness shall take the following oath: "I..... swear to tell the truth. Should I fail to honour this oath, may I face the rigours of the law".	haut, le témoin prête serment en ces termes : « Moi..... je jure de dire la vérité. En cas de parjure, que je subisse les rigueurs de la loi».
Umutangabuhamya wanze kurahira ahanwa hakurikijwe ibihano biteganyijwe mu Gitabacy'Amategeko Ahana y'u Rwanda.	A witness who refuses to take the oath shall be liable to the penalties provided for by the Penal Code of Rwanda.	Un témoin qui refuse de prêter serment est puni des peines prévues par le Code Pénal du Rwanda.
Ibisobanuro by'umutangabuhamya bikorerwa inyandikomvugo.	Statements made by a witness shall be recorded in writing.	Les déclarations d'un témoin sont consignées dans un procès-verbal.
<u>Ingingo ya 57:</u> Ubuhamya bw'uwagize uruhare mu ikorwa ry'icyaha	<u>Article 57:</u> Testimony of a person having participated in the commission of an offense	<u>Article 57:</u> Témoignage d'une personne ayant participé à la commission d'une infraction
Umuntu wese wagize uruhare mu ikorwa ry'icyaha ashobora kumvwa nk'umutangabuhamya.	Any person having participated in the commission of an offence may be heard as a witness.	Toute personne qui a participé à la commission d'une infraction peut être entendue comme témoin.
<u>Ingingo ya 58 :</u> Ubuhamya bw'umwana	<u>Article 58:</u> Minor's testimony	<u>Article 58 :</u> Témoignage d'un mineur
Umwana utagejeje ku myaka cumi n'ibiri (12) yemerewe gutanga ubuhamya nk'umuntu mukuru.	A minor aged under twelve (12) years shall be qualified to testify as an adult.	Un mineur de moins de douze (12) ans a qualité de témoigner comme un majeur.
Umwana utagejeje ku myaka cumi n'ibiri (12) yumvwa atagombye kurahira ariko icyemezo cy'urukiko ntigishobora gushingira kuri ubwo buhamya bwonyine. Muri ibyo bihe, ubuhamya bw'umwana, bugomba gushyigikirwa n'ibindi bimenyetso.	A minor aged under twelve (12) years shall give testimony without taking an oath but the judge cannot solely rely on his/her testimony. In that case, the testimony must be supported by other corroborative evidence.	Un mineur de moins de douze (12) ans donne son témoignage sans prestation de serment mais le jugement ne peut être fondé sur ce seul témoignage. Dans ce cas, le témoignage du mineur doit être corroboré par d'autres preuves.

Ingingo ya 59: Gushyira umukono ku nyandikomvugo

Buri rupapuro rw'inwandikomvugo rushyirwaho umukono n'umushinjacyaha n'uwabajijwe. Uwabajijwe asabwa gusoma imvugo ye uko yanditswe nyuma akayishyiraho umukono iyo ayemeye. Iyo atazi gusoma, baramusomera.

Iyo yanze cyangwa adashobora gushyiraho umukono, byandikwa mu nyandikomvugo.

Ingingo ya 60: Uburyo inyandikomvugo zikorwa

Inwandikomvugo zigomba gukorwa nta bucucikiranane bw'amagambo. Amagambo yahanaguwe n'ayagize ikindi akorwaho agomba kwemezwa n'umushinjacyaha n'uwabajijwe.

Iyo bitabaye ibyo, ayo magambo nta gaciro ahabwa. Ni na ko bigenda iyo inyandikomvugo zitariho imikono ya ngombwa.

Akiciro ka 3: Ibazwa n'ivuguruzanya

Ingingo ya 61: Ibazwa n'uburenganzira by'ukurikiranyweho icyaha

Iyo ukurikiranyweho icyaha yitabye ku nshuro ya mbere, umushinjacyaha abanza gusuzuma umwirondoro we, akanamumenyesha ibyo

Article 59: Signing the statement

Each page of the statement shall be signed by both the Prosecutor and the person interrogated. The person interrogated shall be asked to read and sign the statement put in writing if he/she agrees to its contents. If he/she is unable to read, the statement shall be read to him/her.

If he/she refuses or is unable to sign, his/her refusal or inability shall be recorded in the statement.

Article 60: Way of writing a statement

A statement must be written with enough spacing between lines and words. Words struck out and altered must be approved by the Prosecutor and the person interrogated.

If they fail to do so, such words become invalid. The same shall apply to statements that are not duly signed.

Sub-section 3: Interrogation and cross-examination

Article 61: Interrogation and rights of the suspect

At the first appearance of the suspect, the Prosecutor shall verify his/her personal particulars and inform him/her of the charges

Article 59: Signature du procès-verbal

Chaque feuillet du procès-verbal est signé par l'Officier de Poursuite Judiciaire et par la personne interrogée. Cette dernière est alors invitée à lire sa déposition telle qu'elle vient d'être transcrite puis à la signer si elle accepte le contenu. Si la personne interrogée ne sait pas lire, lecture lui en est faite.

Si la personne interrogée ne veut ou ne peut signer, mention en est portée sur le procès-verbal.

Article 60: Rédaction d'un procès-verbal

Le procès-verbal doit être rédigé en respectant les interlignes et les espaces entre les mots. Les ratures et les surcharges sont approuvées par l'Officier de Poursuite Judiciaire et la personne interrogée.

Si tel n'est pas le cas, ces mots sont nuls. Il en est de même du procès-verbal qui n'est pas régulièrement signé.

Sous-section 3: Interrogatoire et confrontation

Article 61: Interrogatoire et droits du prévenu

Lors de la première comparution, l'Officier de Poursuite Judiciaire vérifie l'identité du prévenu et lui fait connaître les charges qui pèsent contre

Official Gazette n° 27 of 08/07/2013

akurikiranyweho n'icyo amategeko ateganya. Umushinjacyaha abishyira mu nyandikomvugo.

Iyo ukurikiranywe yasabye umwunganira, uyu na we akaba yarabimenyeshejwe, umushinjacyaha ahita atangira ibazwa.

Mu bindi bihe umushinjacyaha amenyesha ukurikiranywe ko afite uburenganzira bwo kwishakira umwunganira. Umwunganira ashobora kumenya ibikubiye muri dosiye no kuvugana n'uwu yunganira. Umushinjacyaha amenyesha kandi ukurikiranywe ko ashobora guhita abazwa niba abyemeye. Iryo menyesha rishyirwa mu nyandikomvugo.

Iyo ibazwa rirangiye ukurikiranywe agomba kumenyekanisha aho atuye. Ukurikiranyweho icyaha amenyeshwa kandi ko agomba kujya amenyesha umushinjacyaha ushinzwe iperereza, ihinduka ry'aho yari atuye iyo atabikoze imenyeshwa ryose rizakorera aho yahoze abarizwa rizafatwa nk'aho yarishyikirijwe. Iryo menyeshwa kimwe n'aho abarizwa bishyirwa mu nyandikomvugo.

Ingingo ya 62 : Ivuguruzanya

Iyo bibaye ngombwa, abyibwirije cyangwa abisabwe n'umuntu wese ubifitemo inyungu, umushinjacyaha ushinzwe gutegura dosiye y'urubanza akoresha ivuguruzanya hagati y'abakurikiranyweho icyaha ubwabo, hagati

against him/her and their legal characterisation. The Prosecutor shall write the statement of such appearance.

If the suspect has sought assistance of a legal counsel who is duly informed of the appearance, the Prosecutor shall immediately start interrogation.

Otherwise, the Prosecutor shall inform the suspect of the right to seek a legal counsel. The legal counsel may be allowed to consult the case file and communicate with the accused. The Prosecutor shall ask the accused if he/she can be interrogated immediately. Such request shall be recorded in a statement.

At the end of interrogation, the accused must disclose his/her residential address. The suspect shall be informed that he/she is required to notify the Prosecutor in charge of case file preparation of any change of residential address, failing which any notification sent to his/her former address shall be deemed duly served on him/her. Such notification and the residential address shall be recorded in a statement.

Article 62: Cross-examination

If necessary, the Prosecutor in charge of case file preparation shall, either on his/her own initiative or upon request of any interested party, organize cross-examination between the suspect, between witnesses or between the suspect and witnesses.

lui et leur qualification légale. L'Officier de Poursuite Judiciaire dresse un procès-verbal de cette comparution.

Lorsque le prévenu a demandé l'assistance d'un avocat dûment informé de la comparution, l'Officier de Poursuite Judiciaire procède à l'interrogatoire.

Dans le cas contraire, l'Officier de Poursuite Judiciaire informe le prévenu du droit de chercher un avocat. L'avocat choisi peut consulter le dossier et communiquer librement avec le prévenu. L'Officier de Poursuite Judiciaire demande au prévenu s'il peut être interrogé immédiatement. Cette demande est consignée dans un procès-verbal.

A l'issue de l'interrogatoire, le prévenu doit déclarer son adresse de résidence. Il informe l'Officier de Poursuite Judiciaire de tout changement d'adresse faute de quoi toute notification ou signification faite à la dernière adresse est réputée faite à sa personne. La notification et l'adresse de résidence sont consignées dans un procès-verbal.

Article 62: Confrontation

En cas de nécessité, l'Officier de Poursuite Judiciaire en charge du dossier procède à la confrontation des prévenus entre eux, des témoins entre eux ou entre les prévenus et les témoins, soit de sa propre initiative, soit à la requête de toute

y'abatangabuhamyanya cyangwa hagati y'abakurikiranyweho icyaha n'abatangabuhamyanya. Ivuguruzanya ryose rikorerwa inyandikomvugo.

Ingingo ya 63: Kubazwa cyangwa kuvuguruzanya mu buryo bwihutirwa

Umushinjacyaha ashobora guhita abaza cyangwa akoresha ivuguruzanya mu buryo bwihutirwa iyo hari impungenge z'uko umutangabuhamyanya ashobora gupfa cyangwa se hari ibimenyetso bishobora kuzimira. Inyandikomvugo isobanura impamvu z'uko kwihuta.

Akiciro ka 4: Kujya aho icyaha cyakorewe, gusaka no gufatira

Ingingo ya 64: Kujya aho icyaha cyakorewe

Umushinjacyaha ashobora kujya aho icyaha cyakorewe kugira ngo arebe uburyo cyakozwemo.

Ingingo ya 65: Gusaka

Umushinjacyaha ushinzwe gutegura dosiye y'urubanza ashobora kujya gusaka aho icyaha cyakorewe cyangwa ahandi hantu hose hashobora kuboneka ibimenyetso byatuma ukuri kujya ahagaragara.

Iyo ari ukujya mu rugo, iyo mirimo ntishobora gukorwa mbere ya saa kumi n'ebiri za mu gitondo na nyuma ya saa kumi n'ebiri za nimugoroba,

Every cross-examination shall be recorded in a statement.

Article 63: Immediate interrogation or cross-examination

The Prosecutor may urgently conduct interrogation or cross-examination if he/she has reason to believe that a witness is facing imminent death or that some serious grounds can disappear. The causes of urgency shall be recorded in a statement.

Sub-section 4: Visiting the scene of the offense, search and seizure

Article 64: Visiting the scene of the offense

The Prosecutor may visit the scene of the offense to ascertain the facts.

Article 65: Search

The Prosecutor in charge of case file preparation may conduct a search at the scene of the offense or at any other place where any evidence necessary for the determination of the truth can be found.

If a home search is required, it can be conducted neither before 6 am nor after 6 pm unless there are serious grounds for believing that evidence

personne intéressée. Toute confrontation est consignée dans un procès-verbal.

Article 63: Interrogatoire et confrontation immédiats

L'Officier de Poursuite Judiciaire peut procéder d'urgence à l'interrogatoire ou à la confrontation s'il a des raisons de croire qu'un témoin est en danger de mort ou qu'un indice peut disparaître. Le procès-verbal fait mention des causes d'urgence.

Sous-section 4: Visites des lieux de l'infraction, perquisition et saisie

Article 64: Visites du lieu de l'infraction

L'Officier de Poursuite Judiciaire peut procéder à la visite du lieu de l'infraction pour constater les faits.

Article 65: Perquisition

L'Officier de Poursuite Judiciaire en charge du dossier peut procéder à la perquisition du lieu de l'infraction ou de tout autre lieu où une preuve utile à la manifestation de la vérité peut être trouvée.

Lorsque la perquisition doit se faire dans une maison habitée, elle ne peut se faire ni avant six heures ni après dix-huit heures à moins qu'il

keretse iyo hari impamvu zikomeye zituma umuntu yatinya ko ibimenyetso bishakishwa byarigiswa. Cyakora, buri gihe gusaka bikorwa hari uhagarariye ubuyobozi bw'aho icyo gikorwa kibera.

Gusaka bikorwa imbere y'ukurikiranyweho icyaha cyangwa se bene urugo. Iyo badahari ntibibuza gusaka gukorwa. Umushinjacyaha ashobora gushinga iyo mirimo umugenzacyaha.

Iyo Umushinjacyaha agomba gukora isaka mu biro by'umuntu ukora umwuga wihariye, arikora usakwa ahari cyangwa uwo yahaye uburenganzira bwo kumuhagararira. Iyo usakwa afite urugaga abarizwamo, iryo sakwa rikorwa hari uhagarariye urwo rugaga.

Ingingo ya 66: Gukoresha isaka ryo ku mubiri

Uretse igihe umuntu afatiwe mu cyuhu, umushinjacyaha ushinzwe kwiga dosiye ntabwo gukoresha isaka ryo ku mubiri umuntu yambitswe ubusa atabihereye uruhushya n'umushinjacyaha uyobora urwego rw'Umushinjacyaha akoreramo.

Gusaka ku mubiri umuntu yambitswe ubusa bikorwa na muganga wenyine.

Ibyo ari byo byose, umuntu ugomba gusakwa ku mubiri yambitswe ubusa ashobora kwihitiramo umuherekeza w'umuganga, uwo bashyingiranywe

may disappear. However, the search can only be conducted in the presence of a representative of the authorities of the place where it is conducted.

The search shall be conducted in the presence of the suspect or household members. Their absence shall not prevent the search from being conducted. The Prosecutor may delegate the search to a Judicial Police Officer.

If a Prosecutor searches an office of a person practising a liberal profession, the search shall be conducted in the presence of the person with respect to whom the search is conducted or his/her duly authorized representative. If such a person is a member of a professional association, the search shall be conducted in the presence of the representative of such an association.

Article 66: Ordering body search

The Prosecutor in charge of case file preparation shall not order a strip-search without prior authorisation by the Chief Prosecutor of the place where the search is conducted unless the person to be searched is caught red-handed.

A strip-search shall be conducted exclusively by a medical doctor.

In any case, a person to be strip-searched may choose a medical doctor, a spouse or any other adult person of the same sex to accompany

existe des raisons sérieuses de craindre la disparition des preuves. Toutefois, la perquisition doit se faire en présence d'un représentant de l'autorité du lieu de perquisition.

La perquisition se fait en présence du prévenu ou des membres du ménage. Leur absence n'empêche pas la perquisition. L'Officier de Poursuite Judiciaire peut confier la perquisition à un Officier de Police Judiciaire.

Si un Officier de Poursuite Judiciaire fait une perquisition dans un cabinet d'une personne exerçant une profession libérale, la perquisition se fait en présence de la personne concernée ou de son représentant dûment autorisé. Lorsque la personne perquisitionnée est un membre d'une organisation professionnelle, la perquisition se fait en présence du représentant de cette organisation.

Article 66: Ordonner une fouille corporelle

Sauf en cas de flagrant délit, l'Officier de Poursuite Judiciaire en charge du dossier ne peut ordonner une fouille corporelle sur une personne déshabillée sans autorisation préalable du Procureur en Chef du lieu de la fouille.

La fouille corporelle sur une personne déshabillée se fait exclusivement par un médecin.

Dans tous les cas, une personne devant faire l'objet de fouille corporelle en étant déshabillée peut, de son choix, désigner un médecin, son

cyangwa undi muntu wese mukuru yihitiyemo him/her.
bahuje igitsina.

Ingingo ya 67: Uburenganzira bwo gusaka no kujya ahashobora kuboneka ibimenyetso

Umushinjacyaha cyangwa Umugenzacyaha wahawe ububasha bwo gusaka no kujya ahashobora kuboneka ibimenyetso, agomba kugaragaza ikarita y'akazi igifite agaciro n'urupapuro rumuha uburenganzira bwo gukora iyo mirimo rushyizweho umukono n'umuyobozi ubifitiye ububasha. Kopi y'urwo rwandiko ihabwa ukurikiranyweho icyaha iyo ahari na nyir'ahantu hagomba gusakwa.

Ingingo ya 68 : Urwandiko rwo gusaka

Urwandiko rwo gusaka ni icyemezo gitangwa n'Ubushinjacyaha bitangiwe uruhushya n'Umushinjacyaha Mukuru cyangwa Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare ku bireba abasirikare n'uwo bafatanyije icyaha cyangwa Umushinjacyaha uyobora Ubushinjacyaha ku Rwego Rwisumbuye cyangwa Umushinjacyaha ku Rwego rw'Ibanze.

Icyo cyemezo giha ugomba kugishyira mu bikorwa uburenganzira bwo gushobora kujya ahantu hose, kugira ngo abe yatahura ibimenyetso cyangwa ibintu byagaragaza ukuri kw'icyaha n'ugukurikiranyweho.

Article 67: Authorisation to search and visit any place where evidence can be found

A Prosecutor or Judicial Police Officer vested with powers to conduct a search and visit any place where evidence can be found must show a valid service card and a search warrant signed by the competent authority. A copy of the search warrant shall be given to the suspect, if present and the owner of the premises to be searched.

Article 68: Search warrant

A search warrant is a document which is issued by the Public Prosecution upon authorization from the Prosecutor General or the Military Prosecutor General in case of members of the military or their co-offender, or the Chief Prosecutor at Intermediate level or a Prosecutor at Primary level.

A search warrant empowers the person in charge of its enforcement to enter any premises to uncover evidence or items necessary to establish the truth in relation to the offence and the suspect.

conjoint ou toute autre personne de même sexe pour l'accompagner.

Article 67: Autorisation de fouille et de faire des visites des lieux où l'on peut trouver des preuves

L'Officier Poursuite Judiciaire ou l'Officier de Police Judiciaire chargé d'une mission de perquisition et de visite des lieux où l'on peut trouver des preuves doit exhiber une carte de service valable et un mandat de perquisition signé par l'autorité habilitée. Une copie du mandat de perquisition est donnée au prévenu s'il est présent et au propriétaire des lieux de perquisition.

Article 68: Mandat de perquisition

Le mandat de perquisition est une pièce délivrée par l'Organe National de Poursuite sur autorisation soit du Procureur Général ou de l'Auditeur Général Militaire pour les infractions commises par des militaires et leur co-auteur, soit du Procureur en Chef au niveau de Grande Instance ou soit de l'Officier de Poursuite Judiciaire au niveau de Base.

Le mandat de perquisition donne pouvoir à l'officier chargé de la perquisition de pénétrer dans tout lieu en vue d'y découvrir les indices ou objets permettant d'établir la réalité de l'infraction et du prévenu.

Ingingo ya 69: Kumenya ibikubiye mu nyandiko zishakishwa

Iyo ari inyandiko zishakishwa, ububasha bwo kumenya ibikubiye muri izo nyandiko mbere yo kuzifatira bufitwe n'aba bakurikira:

- 1° Umushinjacyaha utegura dosiye y'urubanza cyangwa se undi yabishinze;
- 2° Umugenzacyaha.

Ingingo ya 70: Kubarura no gushyira ikimenyetso ku bintu byafatiriwe

Ibintu byose n'inyandiko bishyizwe mu maboko y'Ubugenzacyaha cyangwa Ubushinjacyaha bihita bibarurwa kandi bigashyirwaho ikimenyetso kigaragaza ko byafatiriwe.

Hafatirwa gusa ibintu n'inyandiko byafasha kugaragaza ukuri ku cyaha gikurikiranwa.

Ingingo ya 71: Inyandikomvugo y'isaka, isura n'ifatira

Umaze gusura ahantu, gusaka no gufatira abikorera inyandikomvugo, kopi yayo igahabwa abarebwa n'icyo gikorwa.

Article 69: Knowing the contents of the documents subject to search

If the search is conducted with respect to documents, the powers to know the contents of such documents before they are seized shall be entrusted to the following:

- 1° the Prosecutor in charge of case file preparation or any other person he/she delegates;
- 2° a Judicial Police Officer.

Article 70: Inventory and marking of the items seized

All the items and documents placed in the custody of the Judicial Police or the Public Prosecution shall be immediately counted and marked with a sign indicating seizure.

Only items and documents relevant for the establishment of the truth shall be seized.

Article 71: Statement of search, visit and seizure

An officer having visited the premises conducted a search and seizure shall write a statement and give a copy thereof to the concerned persons.

Article 69: Connaître le contenu des documents recherchés

Lorsque la perquisition porte sur les documents, le droit de connaître le contenu de ces documents avant de procéder à leur saisie appartient aux officiers suivants:

- 1° l'Officier de Poursuite Judiciaire en charge du dossier ou toute autre personne qu'il délègue ;
- 2° un Officier de Police Judiciaire.

Article 70: Inventaire et placement d'un signe sur les biens saisis

Tous les objets et documents placés entre les mains de la Police Judiciaire ou de l'Organe National de Poursuite sont immédiatement inventoriés et portent un signe montrant qu'ils sont saisis.

Seuls les documents et objets utiles à la manifestation de la vérité sont saisis.

Article 71: Procès-verbal de perquisition, de visite et de saisie

Un officier qui vient de réaliser la perquisition, la visite des lieux et la saisie en dresse le procès-verbal et donne copie aux personnes concernées.

Akiciro ka 5: Ibyo gufatira inyandiko no gufata amajwi binyuzwa mu nzira z'itumanaho

Ingingo ya 72: Igenzura ry'itumanaho mu iperereza n'ikurikiranacyaha

Mu iperereza n'ikurikiranacyaha, iyo izindi nzira zose zo kubona ibimenyetso zananiranye kugira ngo ukuri ku cyaha kirebana n'umutekano w'igihugu gikurikiranwe kugaragare, abayobozi b'inzege za Leta zishinzwe umutekano ziteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, bashobora, babihereye uruhushya rwanditswe n'Umushinjacyaha ku rwego rw'igihugu wagenwe na Minisitiri ufite Ubutabera mu nshingano ze, kumva, kumenya no gufata mu majwi no mu mashusho inyandiko, interineti, ibiganiro, telegaramu, amakarita y'iposita, itumanaho ry'ubuhanga buhanitse n'ubundi buryo bwose bwo gutumanaho.

Muri iri tegeko, Umutekano w'Igihugu bisobanura ingamba zifatwa n'igihugu hagamijwe kukirinda, zikubiyemo gukumira no kurwanya ko cyaterwa biturutse imbere mu gihugu cyangwa hanze yacyo n'ibindi bikorwa bishobora kugihungabanya.

Ingingo ya 73: icyemezo gitegeka kugenzura itumanaho no gufata inyandiko

Icyemezo gitegeka kugenzura itumanaho no gufata inyandiko kigomba kuba cyanditse. icyo cyemezo

Sub-section 5: Interception of correspondence and communications

Article 72: Interception of correspondence and communications during investigation and prosecution

If during investigation and prosecution all other procedures for uncovering evidence to establish the truth in relation to an offense against national security have failed, authorities of public security organs provided for by the Constitution of the Republic of Rwanda, may, upon written authorisation from a National Prosecutor appointed by the Minister in charge of justice, listen to, review and make audio and video recordings of written materials, internet, conversations, telegrams, postcards, electronic mails and other means of communication.

In this Law, national security means measures taken by the country to ensure its security, including those measures aimed at preventing and defending itself against attacks from inside or outside and any other acts that may undermine national safety.

Article 73: Order authorizing interception of communications and correspondence

An order authorizing interception of communications and correspondence must be in

Sous-section 5: Interception des correspondances et des communications

Article 72: Interception des correspondances et des communications lors de l'enquête préliminaire, de l'instruction et de la poursuite

Si, lors des procédures d'enquête préliminaire, d'instruction et de la poursuite, les autres moyens d'investigation ne suffisent pas à la manifestation de la vérité pour une infraction contre la sécurité nationale, les autorités des organes de sécurité prévus par la Constitution de la République du Rwanda peuvent, sur autorisation écrite du Procureur national désigné par le Ministre ayant la Justice dans ses attributions, écouter, prendre connaissance et réaliser l'enregistrement audio et vidéo des documents, l'internet, des conversations, des télégrammes, des cartes postales, courrier électronique et tous autres moyens de communication.

Aux fins de la présente loi, la sécurité nationale signifie les mesures prises par le pays pour le maintien de sa sécurité y compris celles visant à prévenir et assurer la défense contre les attaques venant de l'intérieur ou de l'extérieur et tous autres actes susceptibles de porter atteinte à la sûreté nationale.

Article 73: Décision d'interception des communications et des correspondances

La décision d'interception des communications et des correspondances doit être écrite. Il doit

Official Gazette n° 27 of 08/07/2013

kigomba kubamo ibiranga ibigomba gufatirwa cyangwa imirongo igomba kuzurwa, no kugaragaza icyaha gituma biba ngombwa kunyura muri izo nzira.

Icyakora, kubera inyungu z'umutekano w'igihugu kandi byihutirwa, Umushinjacyaha wo ku rwego rw'igihugu ubifitiye ububasha, abisabwe n'umuyobozi uvugwa mu ngingo ya 72 y'iri tegeko, ashobora gutanga mu mvugo uruhushya rw'igenzura ry'itumanaho ariko icyemezo cyanditse kigatangwa mu gihe kitarenga amasaha makumyabiri n'ane (24). Iyo icyo gihe kirenze, icyo cyemezo kidakozwe, iryo genzura riba ritubahirije amategeko.

Icyo cyemezo kigira agaciro k'amezi amezi atatu (3) ashobora kongerwa inshuro imwe gusa.

Uwakorewe igenzura ry'itumanaho mu buryo bunyuranyije n'amategeko ashobora kuregera Urukiko Rukuru cyangwa Urukiko Rukuru rwa Gisirikare ku birebana n'abasirikare.

Kurega ntibihagarika igenzura.

Ingingo ya 74: Inyandikomvugo y'igenzura ry'itumanaho

Urwego rwakoze igenzura ry'itumanaho rukora inyandikomvugo y'iryo genzura. Iyo nyandikomvugo yandikwamo gusa ibijyanye

writing. It must contain identification details for items or connections to be intercepted and indicate offence that gives rise to such interception.

However, for the purposes of national security interests and as an emergency situation dictates, a competent National Prosecutor may, upon request by one of the authorities provided for under Article 72 of this Law, give verbal authorisation to conduct interception of communications and correspondence provided that written authorisation is subsequently given within twenty four (24) hours. If the written authorisation is not given within that time frame, such interception shall become unlawful.

Such an authorization shall be valid for a period of three (3) months renewable only once.

A person whose communications and correspondence are unlawfully intercepted may file his/her complaint with the High Court or Military High Court in case of members of the military.

The filing of the complaint shall in no way entail suspension of interception.

Article 74: Statement of interception of communications and correspondence

The organ conducting interception of correspondence and communications shall write a related statement which only includes details

comporter les éléments d'identification de ce qui doit être intercepté et de la liaison à intercepter et l'infraction qui motive le recours à l'interception.

Toutefois, dans l'intérêt de la sécurité nationale et en cas d'urgence, le Procureur national compétent peut, sur demande de l'une des autorités visées à l'article 72 de la présente loi, donner l'autorisation verbale de procéder à l'interception des communications et des correspondances mais l'autorisation écrite doit être donnée dans un délai de vingt-quatre (24) heures. Si l'autorisation écrite n'est pas donnée dans ce délai, l'interception devient illégale.

Cette autorisation est valable pour une durée de trois (3) mois renouvelable une seule fois.

La personne dont les communications et les correspondances sont illégalement interceptées peut saisir la Haute Cour ou la Haute Cour Militaire pour les militaires.

Le dépôt de la plainte ne suspend pas l'interception.

Article 74: Procès-verbal d'interception des communications et des correspondances

L'organe qui intercepte les communications et les correspondances fait un procès-verbal y relatif. Le procès-verbal comprend exclusivement les détails

n'icyaha uwakorewe igenzura akurikiranyweho.

Ingingo ya 75: Ibibujijwe

Inyandiko cyangwa ubutumwa bigenewe Umukuru w'Igihugu ntibishobora gufatirwa cyangwa se kugenzurwa.

Akicro ka 6: Ubufatanye mu iperereza n'ububasha bw'umugenzacyaha n'umushinjacyaha watumwe

Ingingo ya 76: Ubufatanye mu iperereza

Umushinjacyaha ushinzwe gutegura dosiye y'urubanza ashobora gutuma ku mushinjacyaha cyangwa se ku Mugenzacyaha wo mu yindi fasi bafitemo ububasha kumukorera imirimo ya ngombwa abona ko yafasha mu gushyira ahagaragara ukuri. Ubwo bufatanye mu iperereza bugaragaza gusa ibikorwa byerekeranye n'icyaha gikurikiranywe.

Umushinjacyaha ushinzwe gutegura dosiye y'urubanza ashobora kandi gusaba n'umushinjacyaha wo mu kindi gihugu kumukorera imirimo ivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo abinyujije ku Mushinjacyaha Mukuru na we ubinyuza kuri Minisitiri ufite ububanyi n'amahanga mu nshingano ze.

on the offense alleged against the person with respect to whom interception is conducted.

Article 75: Prohibitions

Correspondence or messages of the Head of State shall neither be seized nor intercepted.

Sub-section 6: Assistance in investigation and competence of a Judicial Police Officer or a Prosecutor requested to provide assistance

Article 76: Assistance in investigation

The Prosecutor in charge of case file preparation may request another Prosecutor or a Judicial Police Officer to provide assistance by performing on his/her behalf acts he/she considers necessary for the ascertainment of the truth by asking him/her to conduct such acts in the area of his/her territorial competence. Such co-operation shall only cover acts relating to the alleged offence.

The Prosecutor in charge of case file preparation may also request a Prosecutor in a foreign country to provide assistance by performing on his/her behalf the acts provided for under Paragraph One of this Article and send the request through the Prosecutor General who in turn sends it through the Minister in charge of foreign affairs.

se rapportant à l'infraction alléguée contre la personne concernée.

Article 75: Interdictions

Les correspondances ou messages du Chef de l'Etat ne peuvent pas être saisis ni interceptés.

Sous-section 6: Commissions rogatoires et compétence d'un Officier de Poursuite Judiciaire ou d'un Officier de Police Judiciaire commis

Article 76: Commissions rogatoires

L'Officier de Poursuite Judiciaire en charge du dossier peut requérir par commission rogatoire un autre Officier de Poursuite Judiciaire ou un Officier de Police Judiciaire de procéder aux actes qu'il estime nécessaires dans les lieux où ils sont territorialement compétents. Cette commission rogatoire ne peut prescrire que des actes se rattachant à l'infraction visée.

L'Officier de Poursuite Judiciaire en charge du dossier peut aussi par commission rogatoire, requérir un Officier de Poursuite Judiciaire étranger de procéder aux actes visés à l'alinéa premier du présent article sous couvert du Procureur Général qui, à son tour, sollicite le sous-couvert du Ministre ayant les affaires étrangères dans ses attributions.

Umushinjacyaha Mukuru ashobora kandi guha Umushinjacyaha wo ku Rwego Rwisumbuye n'uwu ku Rwego rw'Ibanze uruhushya rwihariye rwo kujya mu yindi fasi gukorerayo imirimo y'iperereza.

Ingingo ya 77: Ububasha bw'umushinjacyaha cyangwa umugenzacyaha watumwe

Umushinjacyaha cyangwa umugenzacyaha watumwe gukora imirimo y'iperereza afite ububasha nk'ubw'umushinjacyaha watumwe ku byo yatumwe gusa.

Akiciro ka 7: Kwiambaza abasemuzi, abahindura mu ndimi, impuguke n'abaganga

Ingingo ya 78: Uhindura mu ndimi, impuguke, umusemuzi cyangwa umuganga

Iyo nta bundi buryo bwakwifashishwa, buri muntu, ubisabwe mu buryo bwemewe n'amategeko n'umugenzacyaha, umushinjacyaha cyangwa umucamanza, ategetswe mu gihe nta mpamvu ibimubuza gutera inkunga nk'umusemuzi, uhindura mu ndimi, impuguke cyangwa umuganga.

Iyo atari umukozi wa Leta agenerwa igihembo gihwanye n'umurimo yakoze.

Iteka rya Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze rigena uburenganzira buhabwa umukozi wa Leta

The Prosecutor General may also give a Prosecutor at the Intermediate or Primary level extra-territorial powers to conduct investigation.

Article 77: Competence of a Prosecutor or a Judicial Police Officer requested to provide assistance

A Prosecutor or a Judicial Police Officer requested to provide assistance in investigation shall have the same competence as that of the Prosecutor requesting assistance only within the limits of the assistance requested.

Sub-section 7: Use of translators, experts, interpreters and medical doctors

Article 78: Translators, experts, interpreters and medical doctors

When no other help is available, any person duly requested by a Judicial Police Officer, a Prosecutor or a judge to assist as an interpreter, a translator, an expert, a medical doctor or must render assistance if there is nothing to prevent him/her from doing so.

